DGSU

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA MINISTRI W'URUBYIRUKO NO GUTSURA ZA KOEPRATIVE YAGIRANYE N'ABANYAMURYANGO B'AMAKOPERATIVE KOPIAN (NYARUTOVU) NA CODENYA (NYAMUGALI) KU ITALIKI YA 18 UGUSHYINGO 1985.

Mu gushyigikira icyifuzo cy'Umukuru w'Igihugu ushaka ko abayobozi n'abayoborwa bahura bakungurana ibitekerezo, Ministri NDINDILIYIMANA Agusitini yasuye amakoperative afitiye rubanda nyamwinshi akamaro aliko afite ingorane ziterwa n'abacungamali banyereza umutungo.
Mu ijambo yagiye afata imbere y'abaturage b'ayo makomini, yagiye yibutsa ko ababyeyi bagomba gufasha ubutegetsi kurerera neza igihugu.

Ministri NDINDILIYIMANA Agusitini yabanje gusura Koperative KOPIAN (NYARUTOVU) aherekejwe na Su Prefe BINIGA Damiyani wali uhagaraliye Prefe wa Prefegitura Ruhengeri.
Ku ntebe ya Koperative KOPIAN (NYARUTOVU) havugiwe amagambo n'abanyacyubahiro batatu (3) : Su Prefe BINIGA, Burugmestri wa Komini NYARUTOVU na Prezida wa Koperative KOPIAN hasoza irya Ministri NDINDILIYIMANA Agusitini.

Mu magambo yahavugiwe, berekanye ingorane amakoperative n'amashyirahamwe y'urubyiruko ahura nazo muli Prefegitura ya Ruhengeri muli rusange n'izo Komini Nyarutovu yihaliye :

- Abanyamuryango batajijukiwe n'imikorere ya Koperative zabo,
- Inzego z'Ubutegetsi z'amakoperative zidakora imilimo zishinzwe Koperative zikaba iz'abacungamali,
- Abacungamali banyereza umutungo w'amakoperative bigatuma amakoperative ahomba,
- Amikoro make y'amakomini atuma amakomini agira umukozi umwe ushinzwe za Koperative n'urubyiruko bityo imilimo yose ntikorwe uko bikwiye,
- Kuba nta mukozi ushinzwe urubyiruko mu rwego rwa Prefegitura bigatuma urubyiruko rutitabwaho,
- Ubutaka buke butuma ba Burugmestri batabonera imilima urubyiruko rwibumbiye mu mashyirahamwe.

Koperative KOPIAN

Iyo Koperative yashinzwe na TRAFIPRO muli 1965 aba ali nayo ikangulira abaturage kuyiboka. Ubu ngubu ifite abanyamuryango 1553 bakomoka muli Nyarutovu yose ndetse no mu masegiteri amwe n'amwe yo muli Komini Ndusu. Imali y'ishingiro yatanzwe kugeza ubu ni 293.379.

Kubera ko Komini Nyarutovu ili mu karere katera imyaka ihagije, umushinga wubakira amakoperative ibigega wayubakiye ikigega muli 1981.

../...

Ministri NDINDILIYIMANA Agusitini, aherekejwe na Su Prefe BINIGA Damiyani na Su Prefe NTAHONTUYE Alegisi wa Su Prefegitura Kirambo yasuye Koperative CODENYA y'i Nyamugali.

Koperative CODENYA ni Koperative iharanira amajyambere ya Komini Nyamugali. Iyo Koperative igizwe n'abanyamuryango 2.000 batanze imigabane ihwanye na 400.000 . Iyo Koperative igamije guhahira abanyamuryango ibicuruzwa bakeneye kandi ikarwanya izamuka ry'ibiciro biterwa n'abacuruzi. Iyo Koperative yakwiye hose muli Komini ndetse n'abakozi bakomeye ba Nyamugali bayilimo ndetse bagire 1/2 cy'abagize inama y'Ubutegetsi.

Amafranga 400.000 bateranyije yose yaguze amangazini bakoreramo. Bahise bafata umwenda wa Banki z'Abaturage wa 500.000 bahita biyemeza gufatanya na TRAFIPRO nayo ikajya ibaha ibicuruzwa.

Baje kugira ingorane z'uko umucungamali yaligishije 270.000, araregwa aratsindwa none afungiwe mu Ruhengeri. Ngo ayo mafranga nta na limwe bizera kuzabona ngo ntacyo yigilira.

Ubu CODENYA ilimo umwenda wa 463.000 wa Banki z'Abaturage n'uwa TRAFIPRO ungana na 200.000.

Mu magambo yahavugiwe bose batakambiraga Ministri ngo abafashe kwikura muli iyo myenda kandi ngo abagulize amafranga yo gukoresha.

Ministri NDINDILIYIMANA Agusitini yababwiye ko amakoperative yose afite ibibazo aliko ntawavuga ngo naveho. Ati umuti ntiwaba kubaguliza kuko natwe twaka inguzanyo. Ati tubagulije kwaba ali ugukomeza kubagumisha mu myenda. Nibwo abemereye kubaha imfashanyo abishyulira uliya mwenda wa Banki z'Abaturage nabo aliko bagashyiraho akabo bamwemerera gutanga indi migabane, bakazareba uko babaguliza andi bashyizeho akabo . Bashimiye Milita Ministri iyo nkunga nabo bamusezeranya gutanga indi migabane.

Umwanzuro n'ibyemezo.

(Nyarutovu) na CODENYA y'i Nyamugali

- Burugmestri wa Nyarutovu yasabwe kurangiza imanza z'abacungamali batsinzwe KOPIAN igasubizwa umutungo wayo.
- Yasabye abanyamuryango ko igihe bashyiraho abacungamali bagomba gushyiraho abafite ubwishingizi (garantie) kandi buli gihe bakabagenzura ntibabatererane.
- Yabasabye nanone ko bagomba kugena imishahara yabo bakulikije inyungu binjiza muli Koperative.

Ministri NDINDILIYIMANA Agusitini yateye inkunga urubyiruko rw'ayo makomini rwibumbiye mu mashyirahamwe:

- Urubyiruko ruli mu mashyirahamwe rwa Komini Nyarutovu (Segiteri Gakenke na Gashenyi) rwemerewe amasuka 100.
- Urubyiruko rwibumbiye hamwe rwa Komini Nyamugali (Segiteri Rukore na CERAI y'i Kigeyo) rwemerewe imipira 6 n'imyenda yo gukinana.

BIMENYESHEJWE :

- Bwana Prefe wa Prefegitura RUHENGERI
- Bwana Burugmestri wa Komini Nyarutovu - RUHENGERI
- Bwana Burugmestri wa Komini Nyamugali - RUHENGERI.

Kigali, kuwa 20/11/1985
Uwagiye mu Butumwa aherekeje Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative

BIZIMANA Pahulini